RMB
Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board

# ITANGAZO

Hashingiwe ku bihe by'imvura turimo no ku makuru yayo agenda atangazwa na METEO Rwanda, Ubuyobozi bw'Ikigo Gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda buramenyesha abakora ubucukuzi bw'Amabuye y'Agaciro na Kariyeri gufata ingamba zo kwirinda impanuka zishobora guterwa n'imvura nyinshi.

**Zimwe mu ngamba zo kwitaho ni izi zikurikira:**

1. Gukuraho no kwirinda ikintu cyose cyateza impanuka mu kirombe cya mine na Kariyeri;
2. Gucunga neza ko ubugenzuzi bukorwa mbere yo kwinjiza abakozi ahakorerwa imirimo hose ,na nyuma yo gusoza imirimo mu buryo buhoraho, bugakorwa neza mu buryo bufata imyanzuro ikomeye mu gushyiramo abakozi cyangwa kubabuza kujyamo; iri suzuma rikwiye kwitabwaho igihe imvura iba iri kugwa, umukamuko wayo n'igihe yongeye kugwa;
3. Gucunga neza ko abakozi bitwararika kwambara ibikoresho by'ubwirinzi (PPEs) mu gihe cyose bari mu kazi;
4. Abakozi bose bagomba guhora bakoreshwa inama mu kubibutsa nabo ubwabo kugira uruhare mu kwirinda gukorera ahantu hateye impungenge ku buzima bwabo no kubitangira amakuru;
5. Abatekinisiye ba mine bagomba kuba bahagije mu gukora amasuzuma ahoraho y'ahakorerwa kugirango isuzuma rikorwe hose;
6. Ni ngombwa kugira abashinzwe umutekano bahagije bacunga imyitwarire y'abakozi n'abandi bashobora kwinjira ahakorerwa batabyemerewe;
7. Amashanyarazi akoreshwa mu ndani agomba kuba yujuje ibisabwa mu kuyarinda guhura n'abantu ngo bayakoreho cyangwa guhura n'amazi, hakoreshwa insinga zujuje ubuziranenge no kunoza imiterere y'iteranirizo ry'insinga kandi bigakorwa n'ababifite ubumenyi;
8. Uwahawe uruhushya ashobora gufata umwanzuro wo kuba ahagaritse ibikorwa by'ubucukuzi ahantu hamwe na hamwe akorera mu gihe cy'imvura no mu gihe cy'umukamuko wayo hakabanza gusuzumwa imyitwarire y'ubutaka bugize umusozi ucukurwamo;
9. Hakwiye gushyirwaho uburyo umuntu uwo ariwe wese ukora muri mine cyangwa Kariyeri yajya aha amakuru nyiri mine (nko kumuhamagara cyangwa kumwandikira kuri telephone nk'impuruza), kandi akajya abungabunga amakuru ahabwa n'abayamuha, ku kintu cyose gishobora guteza impanuka ;
10. Kuri mine cyangwa Kariyeri zikorera ahantu hafunguye (insature), ahakorerwa hagomba kugira imikingo idahanamye ahubwo iberamye inateguye neza ku buryo idashobora kugwira umukozi uri gukora munsi yayo;
11. Kariyeri by'umwihariho zigomba gukorera ahantu ku buryo nta bitaka cyangwa amabuye ahanamye hejuru y'ahakorerwa ku buryo ubuhaname bw'ahakorerwa budatuma hari ibyamanuka byimanuye;
12. Inzira zikoreshwa n'abanyamaguru zigomba kuba zigendeka neza mu kwirinda impanuka zitera imvune ku bakozi;
13. Hagomba gushyirwaho ikipe ishinzwe ubutabazi bw'ibanze kandi ikanashakirwa amahugurwa.

Bikorewe i Kigali ku wa.....06 MAY 2024..

**KAMANZI Francis**
Umuyobozi Mukuru

RWANDA MINES, PETROLEUM AND GAS BOARD

Address : N0 27, KN 4 Avenue, Kigali |Tel : +250788386220 | P.0 Box 937 Kigali – Rwanda